Umuntu wize ubumenyi bw'iby'inyenyeri, azaba yize bumwe mu bumenyi bw'uburozi, na buri uko ubwongereye niko aba yongera kwiga uburozi

Hadithi yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umuntu wize ubumenyi bw'iby'inyenyeri, azaba yize bumwe mu bumenyi bw'uburozi, na buri uko ubwongereye niko aba yongera kwiga uburozi."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu wize ubumenyi bw'inyenyeri, n'imigendekere yazo no kuboneka kwazo no kubura kwazo akabihuza n'ibibera ku isi nk'urupfu cyangwa se ubuzima cyangwa se uburwayi by'umuntu runaka n'ibindi mu bijyanye n'ibizaba mu gihe kizaza, uwo muntu aba yize kimwe mu bigize uburozi, kandi na buri uko umuntu akomeje kubyiga niko aba yiga ibijyanye n'uburozi.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5989